KWIHANGANA

Gira kwihangana kuko bizagufasha kugira ihirwe, amagambo atuje ashobora kuvuna amagufa.

IHAME RY' ICYUMWERU

Muri iki gihe cy' ibiryo byihuse, amakuru ni ubutumwa bwihuse ntabwo tugomba kwibagirwa kwihangana. Kihangana ntabwo ari ugutinza igikorwa; ahubwo ni ugutegereza igihe nyacyo. Ni ukuvuga ko mu gihe nyacyo tuzagera kuri byiza twigizeyo byinshi bidukomereye.

Iyo twarakaye, dusabwa kwitonda gato mbere yuko tugira icyo dukora. Nkuko bivugwa mu mugani" iyo umunyeshuli yiteguye umwalimu araza." Bivuze ko hari igihe umuntu aba yiteguye kwemera no kwakira. Iyo bikozwe igihe kitaragera, dushobora guhura ni inzitizi. Ibisubizo byihuse bivuye ku mutima bivanga imikorere yacu maze twese tugahomba. Bifata igihe kinini kubaka abantu. Ubuyobozi ni ukuyobora abantu no kubereka icyo bagomba kureba. Ni kubatoza uburyo ki,ndetse ryari kandi kuki uzabagezayo. Kwihangana kugaburira abagufite amahoro ni umutekano.

Nubwo duhora dushishikajwe no kuzamura igipimo cy' umusaruro tugomba no gufata umwanya tugafata abantu neza, tudabafata nkaho ari byuma bikora akazi. Hari ibibazo bidashobora gukemuka ako kanya bityo rero dukeneye kubiha umwanya uhagije kugira ngo impinduka igaragare. Impinduka ni igikorwa gikenera kwihangana bitari byo tuba twiyongerera ibibazo. Ni ingenzi rero ko tumenya uko umukozi yaramutse cyangwa yiriwe ndetse ni abakozi muri rusange mbere yuko duhana cyangwa ngo dufate icyemezo. Kwihangana biritozwa.

Iyo tutihangana, bituma tugira imvugo ikarishye ndetse tugatsikamira abandi biyto ntidushobora gutanga icyizere ku bantu. Ahanini usanga bikurura ingorane, kubera kutagira umutima wihangana. Kwihangana ni ukumenya igihe nyacyo cyo gukora. Iyi ni impano ifitwe na banyabwenge. Ntuzigere wemera ko ikibazo kigufata mpiri, ahubwo ujye uhangana nacyo igihe cyose.

INYUNGU

1. Tugomba kwiga kwihangana kugeza tumenye ko dushyize ubwenge ku gihe kuko biba bishaka igisubizo, ntabwo ari ugukemura ikibazo gusa.
2. Tugomba kwitegura mu mutwe mbere yuko dukosora cyangwa se ngo dufate ibyemezo.
3. Tuzasobanukirwa ko, kwitoza kwihangana biduha ubushobozi bwo kumenya kwitwararika.
4. Bizadufasha kwiga gutandukanya igihe cyo gufata ibyemezo.
5. Bizaturemamo kumenya kuyobora kamere yacu.
6. Tuzatanga amahoro ni umutekano ku bantu baturi hafi.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Genga ibyiyumviro byawe ukoresha imvugo yoroheje mu bihe bikomeye, umenye kandi ko gukemura ikibazo bisaba ubwitonzi budasanzwe bitari byo ikibazo kirushaho gukomera.
2. Tega amatwi neza kandi wige uburyo ugomba gukemura ikibazo nki cyawe bwite.

Inzira ni mikorere yagufasha
KWIHANGANA

3. Rema abandi agatima ubagira inama hamwe n' amagambo abahumuriza.
4. Menya neza ko hari igihe cyiza cyo guhangana na buri kibazo. Si byiza guhubuka uhangana ni ikibazo.
5. Reka ibibazo bibanze bigire impamvu zifatika. Iyo ushatse gukemura ikibazo nta mpamvu zifatika gifite uba utakaje imbaraga z' ubusa ndetse ni abandi witabaje. Ibibazo byakemuwe hutihuti birushaho gukomera. Bityo itoze gufata igihe gihagije cyo kwiga ikibazo.
6. Reka kwihangana biyobore umutima wawe. Ibi bizagufasha kunononsora ikibazo mu buryo bwiza, cyane cyane abaguteye umujinya. Iyo ushidikanya, itonde gato. Ariko mu gihe uhubutse ushobora gukomeretsa abandi. Rimwe na rimwe, gutegereza akanya gato bifasha gushyira ubwenge ku gihe ku kibazo uhuye nacyo.

Buri wese agomba kugira uburenganzira bwo kuvuga icyo atekereza, ariko kandi tugomba gutegereza tukumva impande zombi/ zose maze duhitemo icyo gukora. Bifata igihe gufasha abantu. Tugomba kumenya igihe gikwiriye. Mu muryango ho usanga bitoroshye kuko birangwa mu buzima bwacu bwa buri munsi. Ubwitonzi buzategura umutima wacu ndetse nabo duhuriye ku kibazo. Rero ubwo uzaba wihuse cyangwa wiyahura, izitonde maze witoze kwihangana. Ni ukuri uzakorana ubwenge kandi uzabishimirwa.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese ukunda gusubika ibintu ukora?
2. Ese ahantu haba hagukomerera mu gihe ukeneye kwihangana ni hehe?
3. Ese ubifata ute, iyo wihanganye ariko ntibigire icyo bitanga ?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			